



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA KAMENA 2016

10 Nyakanga 2016

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KAMENA 2016

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2016. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 5,5% mu kwezi gushize kwa Kamena 2016 ugereranyije na Kamena 2015. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 4,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 5,5% mu kwezi kwa Kamena ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 9,4%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamatseho 2,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamatseho 7,0%.

Iyo ugereranyije Kamena 2016 na Kamena 2015, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamatseho 4,2%.

Wagereranya ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2016) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2016) ibiciro byazamatseho 0,9%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 1,9%, ibiciro by'itumanaho byazamatseho 6,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamatseho 0,6%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Kamena 2016 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 6,7% ugereranyije na Kamena 2015. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 4,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 6,7% mu kwezi kwa Kamena ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 10,7%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamatseho 2,0% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n' itabi byazamatseho 6,9%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2016) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2016) ibiciro byazamatseho 1,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 2,2%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Kamena 2016 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 6,3% ugereranyije na Kamena 2015. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2016) byiyongereyeho 4,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 6,3% mu kwezi kwa Kamena 2016 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 10,4%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 5,0%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2016) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2016) ibiciro byazamutseho 1,0%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,1%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2015 kugeza muri Kamena 2016.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Kamena 2015 kugeza Kamena 2016 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije													
2015							2016						
06	07	08	09	10	11	12	01	02	03	04	05	06	
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	2,8	2,3	3,0	3,7	2,9	4,8	4,5	4,5	4,4	4,6	4,7	4,6	5,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	0,1	0,4	1,7	3,6	6,8	9,0	8,0	7,7	7,1	6,5	4,3	4,3	6,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	1,0	1,1	2,2	3,6	5,5	7,5	6,8	6,6	6,1	5,8	4,4	4,4	6,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,0	-0,1	0,9	1,1	-0,1	1,1	-0,5	-0,5	0,4	0,9	0,8	0,5	0,9
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-1,2	-0,1	2,1	2,1	2,3	0,2	-2,7	-1,5	0,8	1,9	0,6	-0,2	1,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-0,8	-0,1	1,7	1,8	1,5	0,5	-2,0	-1,2	0,7	1,6	0,7	0,0	1,0
<i>Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

Ku bindi bisobanuro:

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),
P.O. BOX 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Director: MURANGWA Yusuf, Director General, NISR;
yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MANZI Sébastien, Director of Economic Statistics Department, NISR;
sebastien.manzi@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader,
NISR; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw